Nta swalat y'umuntu utasomye Suratul Fatihat ibanziriza izindi surat muri Qur'an

Hadith yaturutse kwa Ubadat Ibun A-Swamit (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Nta swalat y'umuntu utasomye Suratul Fatihat ibanziriza izindi surat muri Qur'an."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko iswalat itakemerwa cyeretse isomewemo Suratul Fatihat, kubera ko ari imwe mu nkingi z'iswalat kuri buri raka.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5378